Imperuka ntizigera iba kugeza ubwo umuntu azatambuka ku mva ya mugenzi we maze akavuga ati: "Iyaba ari njye wari ushyinguye hano!

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Imperuka ntizigera iba kugeza ubwo umuntu azatambuka ku mva ya mugenzi we maze akavuga ati: "Iyaba ari njye wari ushyinguye hano!"

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatubwiye ko imperuka itazaba hatabanje kugaragara umuntu uzanyura ku mva ishyinguyemo mugenzi we, maze akifuza kuba ari we wagakwiye kuba ashyinguyemo. N'impamvu yabyo ni ukuba umuntu azaba afite ubwoba kuri we ko ukwemera afite kwazayoyoka kubera ubwiganze bw'ibibi n'ibyaha ndetse n'ababikora, no kugaragara kw'ibigeragezo n'ibyaha ndetse n'ibibi aho biva bikagera.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65022